

# **Dore ibyo ukwiriye kumenya kubyerekeye Gahunda za Leta**

- 1. Impunzi n`abahawe ubuhungiro (asylum) bashobora kubona imfashanyo za SSI, TANF, Fudu Stampu na MaineCare yuzuye.** Ibi bisobanuye ko iyo wasabye ubuhungiro ugitegereje gusubizwa, iyo ubuhawe uba wemerewe gufashwa n`izi gahunda.
  - 2. Urwego rw`ubwimukira waba urimo urwo arirwo rwose, iyo uri muri United States mu buryo bwemewe n`amategeko, uba ushobora kubona:**
    - **Imfashanyo Rusange (General Assistance)** itangwa n`umuji cyangwa akarere urimo;
    - **SSI** yo kugura iby`ibanze nkenerwa iyo urengeje imyaka 65 y`amavuko cyangwa ufite ubumuga;
    - **MaineCare** iyo utwite cyangwa utagejeje ku myaka 21 y`amavuko; na
  - 3. Mu miryango imwe n`imwe bamwe mu bayigize bashobora kubona imfashanyo ya Leta, mu gihe abandi batayibona.** Urugero, hari ubwo umubyeyi w`umugore atemererwa MaineCare nyamara abana bakaba bayihabwa. Ibi bisobanuye ko ukwiriye kwita cyane kumenya niba hari uwo mu muryango wawe wemerewe.
  - 4. Si ngombwa kuzana gihamya y`urwego rw`ubwimukira bwawe, iyo usabira imfashanyo undi wo mu muryango wawe, utisabira wowe ubwawe.**
    - Iyo usabira umuntu wo mu muryango wawe, ukwiriye kubwira umukozi wa DHHS ko utisabira ubwawe
    - Iyo uvuze utyo umukozi akarenga akagusaba gihamya y`ubwimukira bwawe, ushobora kuvuga uti **OYA**.
- 5. Itegeko riteganywa ko iyo umwana yemerewe imfashanyo, umwana yagombye kubona imfashanyo kabone n`iyo utasubiza ibibazo byerekeye urwego r`ubwimukira urimo.**
- 6. Iyo nta byangombwa ugira ushobora kubona imfashanyo zitangwa na porogaramu zikurikira:**
    - Inkunga yo kwivuzwa mu bihe bitunguranye;
    - WIC (inkunga y`ibiribwa ku bagore batwite n`abana);
    - Ifunguro ry`amanywa ku ishuri;
    - Guhabwa inkinko, gupimwa no kuvurwa indwara zandura;
    - Head Start; ndetse na
    - Amacumbi ku batagira aho baba, n`abahohoterwa mu ngo

## **Hari ibibazo bariza kuri:**

<b>Maine Equal Justice Partners</b>	<b>Immigrant Legal Advocacy Project (ILAP)</b>
207-626-7058 <b>cyangwa</b> inomero itishyuzwa 1-866-626-7059	207-780-1593 <b>cyangwa</b> inomero itishyuzwa 1-800-497-8505
<a href="http://www.mejp.org">www.mejp.org</a>	<a href="http://www.ilapmaine.org">www.ilapmaine.org</a>